



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA WERURWE 2025

10 MATA 2025

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA WERURWE 2025

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2025. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Werurwe 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,5% ugereranyije na Werurwe 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2025 byari byiyongereyeho 6,3%.

Mu kwezi kwa Werurwe 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 6,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 12% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 14,1%.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Werurwe 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,8%.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,4%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Werurwe 2025, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 3,9% ugereranyije na Werurwe 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2025 byari byiyongereyeho 2,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Werurwe 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,3% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 6,5%.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byiyongereyeho 2,2%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,2%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Werurwe 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 4,9% ugereranyije na Werurwe 2024. Mu kwezi kwa Gashyantare 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 3,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Werurwe 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 11,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 10,8% .

Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,9%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2024 kugeza muri Werurwe 2025.

	2024												2025		
	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	03		
Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka															
Mu mijyi	4,2	4,5	5,8	5,0	4,9	5,0	2,5	3,8	5,0	6,8	7,4	6,3	6,5		
Mu byaro	-1,7	-3,5	-1,6	-1,4	-0,6	-0,3	-2,9	-1,5	2,4	6,2	4,5	2,2	3,9		
Mu Rwanda	0,6	-0,5	1,3	1,1	1,5	1,7	-0,8	0,5	3,4	6,4	5,7	3,8	4,9		
Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi															
Mu mijyi	1,1	1,4	0,0	-0,4	-0,1	0,9	1,2	1,5	0,1	-0,8	0,5	0,7	1,3		
Mu byaro	0,5	0,1	-1,6	-0,8	0,9	1,7	1,6	2,5	1,4	-2,1	-2,9	1,0	2,2		
Mu Rwanda	0,7	0,6	-1,0	-0,6	0,5	1,4	1,5	2,1	0,9	-1,6	-1,6	0,9	1,9		
<i>Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>															

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw